**<u>ISHYIRWA MU BIKORWA RYA GAHUNDA NSHYA Y'UBWISUNGANE MU KWIVUZA (MITIWERI)</u>**

## A. TWIBUKIRANYE UBWISUNGANE KWIVUZA (MITIWERI) ICYO ARICYO N'IBYIZA BYAYO

### 1. UBWISUNGANE MU KWIVUZA (MITIWERI) NI IKI?

Ubwisungane mu kwivuza ni uburyo magirirane abaturage bibumbira hamwe bagatanga imisanzu yagenwe kugira ngo bashobore kwiteganyiriza ibyerekeranye no kwivuza indwara. Ubwisungane mu kwivuza ni bwo buryo bufasha abaturage kwivuza kuburyo budahenze. Mu Rwanda, ubu buryo bwatumye abanyarwanda hafi yabose bashobora kwivuza ku buryo buboroheye.

### 2. UBWISUNGANE MU KWIVUZA (MITIWERI) BUFITE INTEGO ZIHE?

- Guha buri mu Nyarwanda wese uburyo bwo kwivuza uko amikoro ye yaba ameze kose;
- Gukemura inzitizi z'ibura ry'amafaranga yo kwivuza igihe umuntu afashwe n'indwara;
- Guteza imbere imibereho myiza y'abanyarwanda muri rusange.

### 3. IBYIZA BY'UBWISUNGANE MU KWIVUZA (MITIWERI) MURI RUSANGE NI IBIHE?

- Ufite Ubwisungane mu kwivuza yivuza hakiri kare agifatwa n'indwara bityo agakira vuba;
- Ufite Ubwisungane mu kwivuza ntaheranwa n'indwara mu rugo;
- Ufite Ubwisungane mu kwivuza aba yikingiye inzitizi z'ibura ry'amafaranga yo kwivuza igihe afashwe n'indwara;
- Ufite Ubwisungane mu kwivuza aba yikingiye isohorwa mu muryango we ry'amafaranga menshi agendanye no kwivuza;
- Ufite ubwisungane mu kwivuza aba yikingiye ubuvuzi bwa magendu;
- Ubwisungane mu kwivuza ni umurunga w'urukundo n'ubufatanye hagati y'abaturage;
- Ubwisungane mu kwivuza buteza imbere imibereho myiza y'abaturage ndetse n'ubukungu muri rusange;

## B. IBISOBANURO KURI GAHUNDA NSHYA Y'UBWISUNGANE MU KWIVUZA(MITIWERI).

### 1. ESE GAHUNDA NSHYA Y'UBWISUNGANE MU KWIVUZA (MITIWERI) IZATANGIRA RYARI ?

Gahunda nshya y'Ubwisungane mu kwivuza izatangira ku itariki ya mbere Nyakanga 2011 nkuko biteganyijwe
Bityo umwaka wa Mitiweri uzajya utangira tariki ya mbere Nyakanga kugeza 30 kamena kwa buri mwaka.

### 2. GAHUNDA NSHYA Y'UBWISUNGANE MU KWIVUZA(MITIWERI) IFITE IBYIZA BIHE ?

Gahunda nshya y'Ubwisungane mu kwivuza yateguwe hagamijwe kurushaho guha abanyamuryango ubuvuzi bunoze kandi bujyanye n'igihe.

Iyi Gahunda igamije kandi kurushaho guteza imbere Ubwisungane mu Kwivuza.

Ibyiza by'ibanze iyi Gahunda nshya y'Ubwisungane mu kwivuza iteganyiriza abanyamuryango ni ibi bikurikira :

- ✓ Kwivuriza aho uri hose mu Gihugu ;
- ✓ Kuvuza abanyamuryango indwara z'inzaduka zitari zisanzwe. Urugero: Diyabeti, Impyiko, Imitima, Canseri, Umuvuduko w'amaraso n'izindi…
- ✓ Kongera ubushobozi bw'amavuriro ku nzego zose, ku bijyanye n'imiti n'ibikoresho.
- ✓ Gukumira ibura ry'imiti mu mavuriro ndetse no guca burundu kwigurira imiti kw'abarwayi
- ✓ Abarwayi ba Mitiweri bashobora kwivuriza kuva ku Kigo nderabuzima kugeza ku Bitaro bikuru by'Igihugu ndetse n'ibitaro byitiriwe Umwami Faisal bitewe n'Imiterere y'Uburwayi n'Icyemezo cy'abaganga;
- ✓ Gushimangira ihame ry'ubwisungane aho buri munyamuryango atanga umusanzu hakurikijwe ubushobozi bwe bityo abafite ubushobozi bakunganira abatabufite;

## 3. ESE IMISANZU ITEYE ITE MURI GAHUNDA NSHYA?

Muri Gahunda nshya y'Ubwisungane mu kwivuza imisanzu yaravuguruwe ku buryo bukurikira: Abaturage bari mu byiciro bitatu kandi imisanzu yabo ishingiye kuri ibyo byiciro ku buryo bukurikira:

**Icyiciro cya mbere**:
Iki ni icyiciro cy'abatishoboye bakazishyurirwa na Leta

**Icyiciro cya kabiri**:
Iki ni icyiciro cy'abishoboye, bakazatanga umusanzu ungana n'amafaranga **3,000** kuri buri muntu ku mwaka.

**Icyiciro cya gatatu**:
Iki ni icyiciro cy'abakire, bakazatanga umusanzu ungana n'amafaranga **7,000** kuri buri muntu ku mwaka.
Abaturage bose bamaze gushyirwa mu byiciro hashingiwe ku mitungo yabo nkuko biteganywa na gahunda y'Ubudehe; amalisiti y'abaturage n'ibyiciro bashyizwemo bikaba byarashyikirijwe inzego z'ibanze.

Isuzuma ryakozwe na Ministeri y'ubuzima, Ministeri y'ubutegetsi bw'igihugu hamwe n'inzego z'ibanze ryasanze ko hari abantu bake bibonye mu byiciro bitabakwiriye. Hashyizweho urwego ruzasuzuma ikibazo cyabo kugira ngo bashyirwe mu cyiciro ntakuka. Abo bazemererwa gukomeza kuvurwa mu gihe ikibazo cyabo kigisuzumwa.

## 4. ESE UDASHOBOYE KUBONERA UMUSANZU RIMWE BIGENDA BITE?

Mu rwego rwo korohereza abaturage mw'itangwa ry'iyi misanzu muri iki gihe cyo gutangiza iyi Gahunda Nshya, imiryango idafite ubushobozi bwo kubonera rimwe imisanzu, ishobora kuyitanga mu byiciro bibiri.
Ni ukuvuga ko kimwe cya kabiri cy'umusanzu wose w'abantu bari mu muryango kigomba gutangwa bitarenze ukwezi kwa Nyakanga 2011, igice cy'umusanzu gisigaye, kigatangwa bitarenze ukwezi kwa mbere 2012